**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**URUKIKO RWISUMBUYE RWA**
**<u>GASABO</u>**

**ICYEMEZO GITEGEKA UWIHISHE CYANGWA UWATOROTSE UBUTABERA KWITABA URUKIKO RWISUMBUYE RWA GASABO.**

Umwaka wa 2022, umunsi wa 12, ukwezi kwa Nzeri;

Twebwe UMUBYEYI Francine, umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye rwa Gasabo, dufashjwe n'umwanditsi wawo MUJAWIYAREMYE Angelique;

Tumaze kubona ko Ubushinjacyaha ku Rwego Rwisumbuye rwa Gasabo bwaregeye Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo, uwitwa **BASABE Jean Marie Vianney** mwene MUHIRE na NYIRABAHIZI, utuye mu Mudugudu wa Ryabazana, Akagari ka Gisagara, Umurenge wa Rusororo, Akarere ka Gasabo, Umujyi wa Kigali, ukurikiranwe nk'uwihishe ubutabera, ukurikiranyweho icyaha cyo **kuzimiza cyangwa gutesha agaciro ibimenyetso cyangwa amakuru byerekeye jenoside**, icyaha giteganywa kandi kihanishwa n'ingingo ya 8 y'itegeko nº 059/2018 ryo kuwa 22/08/2018 ryerekeranye n' icyaha cy' ingengabitekerezo ya Genocide n'ibyaha bifatanye isano na yo;

Tumaze kubona ko ikirego cy'Ubushinjacyaha gifite numero 01184/IPRL GASA/2022/FM/JM kigeze mu Rukiko gihabwa nº RP/GEN 00013/2022/TGI/GSBO ;

Tumaze kubona ko urubanza rwahawe itariki yo kuburanishwa yo ku wa 12/09/2022 saa mbiri za mu gitondo ariko **BASABE Jean Marie Vianney** uregwa ntiyitabe Urukiko kuko yarezwe nk'uwihishe ubutabera;

Dushingiye ku ngingo ya 160 y'Itegeko nº 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha iteganya uko uwihishe cyangwa uwatorotse ubutabera ahamagazwa, rugashingira no ku ngingo ya 162 y'iryo tegeko iteganya uko acirwa urubanza iyo atitabye;

Dutegetse **MUHIRE Eric** kwitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo kuwa **<u>12/10/2022 saa mbiri za mugitodo (8h00)</u>**, kugira ngo aburane urubanza rwavuzwe aregwamo n'Ubushinjacyaha, natitaba hazemezwa ko yasuzuguye amategeko, acirwe urubanza adahari ;

Dutegetse ko iki cyemezo kimanikwa ahabigenewe ku Rukiko Rwisumbuye rwa Gasabo no gutangazwa ku rubuga rw'Ubutegetsi bw'Ubucamanza (<u>www.judiciary.gov.rw</u>) no ku mbuga ngokoranyambaga z'Ubucamanza arizo:<u>@RwandaJudiciary</u> (tweeter) na <u>Supreme</u> Court of Rwanda (facebook).

| | |
|---|---|
| **MUJAWIYAREMYE Angelique** | **UMUBYEYI Francine** |
| **UMWANDITSI** | **UMUCAMANZA** |